**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE**
**RWA RUSIZI**

**ICYEMEZO N° 003/2020/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri, umunsi wa 07 w'ukwezi kwa Gashyantare;

Twebwe **TWAGIRAMUNGU Félicien,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na **MUKARUGWIZA Judith**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko uwitwa **NZABAHIMANA Wellars mwene HABAKARAMO Boniface na NYIRAMANA Jeannette akaba yaratuye mu kagari ka RUSHYARARA,Umurenge wa KARAMBI, akarere ka NYAMASHEKE, intara y'iburengerazuba muri repubulika y'u Rwanda, akurikiranwe nk'uwatorotse ubutabera, aregwa Kunyereza umutungo wa COTHEGA no Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro, Ibyaha biteganywa kandi bigahanishwa ingingo ya 10 niya 12 z'itegeko No 54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 z'igitabo cy'amategeko;** ikirego kigahabwa N° RP/ECON 00034/2019//TGI/RSZ.

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **NZABAHIMANA Wellars** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **13/03/2020** saa mbiri n'igice za mu gitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**TWAGIRAMUNGU Félicien**
**UMUCAMANZA**

**MUKARUGWIZA Judith**
MUKARUGWIZA Judith